

## Ni ubuhe?

Imiti yo kugufasha kurwanya ubwandu bwa COVID-19 iraboneka, irimo ibinini bivura virusi. Ubu buvuzi bushobora gufasha kukurinda kuremba no gushyirwa mu bitaro, ariko ugomba kubuhabwa ukimara kugaragaza ibimenyetso. Kwikingiza biracyari uburyo bwiza bwo kwirinda COVID-19.



## Mbese bushobora kumfasha?

Ushobora kwemererwa ubu buvuzi niba ikizami cyagaragaje ko wanduye COVID-19, ufite ibyago byinshi by'uburwayi bukomeye, kandi wagaragaje ibimenyetso. Abana bafite iminsi 28 y'amavuko n'abayirengeje, bakaba bafite ibyago byinshi by'uburwayi bukomeye bashobora kwemererwa ubu buvuzi. Vugana na muganga wumve niba ubu buvuzi bwaba bwizewe kandi bukora neza kuri wowe no ku mwana wawe.

## Ni ryari nkwiye kwivuza?

Iyi miti ikora neza cyane iyo uhise uyifata ukimara kumva urwaye. Ugomba gutangira gufata ibinini bivura virusi mu minsi 5 ya mbere ugaragaje ibimenyetso. Ni byiza guhita wipimisha COVID-19 igihe ufite ibimenyetso kugira ngo uhabwe iyi miti. Shaka aho kwipimishiriza hakwegereye kuri <https://coronavirus.utah.gov/testing-and-treatment>.



## Butangwa gute?

Ibinini bivura virusi ubyandikirwa na muganga, ukajya ubifatira mu rugo inshuro 2 ku munsu mu minsi 5. Abatanga serivisi z'ubuzima bemewe kandi bahuguwe nibo bonyine bashobora kukwandikira ibi binini bivura virusi.

## Mbese irizewe?

Iyi miti yemejwe n'ikigo gishinzwe itangwa ry'imiti (FDA), amagerageza yayo akaba yaragaragaje ko yizewe kandi ikora neza. Imiti yose n'ubuvuzi bwose bigira ingaruka. Vugana na muganga cyangwa utanga serivisi z'ubuzima uguhaye iyi miti niba ufite impungenge ku ngaruka zayo n'ibyo ugomba kugenzura.



**Nayikura he?** Uguha ubuvuzi bw'ibanze, ibiro by'abaganga, amavuriro yakira indembe, ibitaro na farumasi hose muri leta bashobora gutanga iyi miti. Vugana na muganga wumve niba ukwiye gufata iyi miti. Kugira ngo uhabwe ubu buvuzi bashobora kuguca amafaranga cyangwa kwishyura umwishingizi wawe.

Sura [coronavirus.utah.gov/treatments](https://coronavirus.utah.gov/treatments) cyangwa uhamagare ishami rishinzwe ubuzima n'imibereho myiza muri Utah kuri 385-273-7878 kugira ngo ubone urutonde rw'ahantu wasanga ubu buvuzi.